ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'akarere ka Rwamagana, buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bashaka gutanga akazi ku myanya 20 y' Urwego rushinzwe kunganira ubuyobozbw'Akarere mu gucunga Umutekano (DASSO BATO)

IKITONDERWA : Usaba akazi kuri uyu mwanya wavuzwe haruguru agomba kuba yujuje ibi bikurikira;

- **Ari umunyarwanda**
- **Kuba abishaka**
- **Agejeje nibura ku myaka (18) akaba atarengeje imyaka 35 y'amavuko**
- **Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire**
- **Atarigeze akatirwa burundu cyangwa ngo abe yarahawe igihano cy'igifungo cy'amezi 6 gusubira hejuru**
- **Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuli atandatu yisumbuye. Icyakora uwarangije amashuli atatu yisumbuye kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye n'umutekano ashobora kwinjizwa muri DASSO.**
- **Kuba afite ubuzima buzira umuze n'intege zibashije imirimo ya DASSO bigaragazwa n'inyandiko za mu ganga wemewe na Leta**
- **Kuba atarigeze yirukanwa burundu ku kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo uwo ariwo wose wa Leta.**
- **Kuba Afite icyemezo cyihariye kigaragaza ko yakoze neza imirimo ijya gusa nk' iya DASSO mu Rwanda byaba ari akarusho**

Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

1. Ifishi isaba akazi yujujwe neza iboneka ku ru buga rwa Komisiyo y'abakozi ba Leta
2. Fotokopi y'impamyabumenyi
3. Icyemezo cyo kuba ari inyangamugayo gitangwa n' Umurenge
4. Fotokopi y'indangamuntu

Dosiye yujuje ibisabwa igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Rwamagana kuva kuwa ...16. /12/2020 kugera kuwa 24../12/2020 saa kumi n'imwe (17h00).

Bikorewe I Rwamagana, kuwa 07/12/2020

KAKOOZA Henry
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rwamagana